REPUBULIKA Y'U RWANDA

URWEGO RW'UMUVUNYI

Kigali, 02.03.2016

N° PRCO/001/03/TN

## ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

## IMYANZURO Y'INAMA NGISHWANAMA Y'IGIHUGU YO KURWANYA RUSWA N'AKARENGANE YATERANYE KU WA 01 WERURWE 2016

**Ku wa kabiri tariki ya 01 werurwe 2016**, Inama y'Igihugu yo kurwanya ruswa n'akarengane yarateranye iyobowe n'Umuvunyi Mukuru ari we muyobozi wayo. Inama yasuzumye ibijyanye no kugaruza imutungo ya Leta yigaruriwe n'abantu ku giti cyabo, irangiza ry'imanza Leta yatsinze kugira ngo hagaruzwe umutungo ukomoka by'umwihariko ku byaha bya ruswa no kunyereza umutungo wa Leta. Haganiriwe kandi no ku buryo inzego zahuza imbaraga mu kurwanya ruswa.

Iyo Nama yafashe imyanzuro inyuranye ikubiyemo ingamba zafasha gukomeza guhashya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, kugabanya ibihombo Leta itezwa n'abanyereza cyangwa abigwizaho umutungo ndetse no kurangiza imanza zose Leta itsinda.

**Abitabiriye Inama**

- Umuvunyi Mukuru, Umuyobozi wayo
- Minisitiri w'ubutegetsi bw'Igihugu ari we Umuyobozi wayo Wungirije;
- Minisitiri w' ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta ;
- Minisitiri w'umutekano mu Gihugu;
- Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
- Umushinjacyaha Mukuru;
- Abavunyi Bungirije;
- Insipegiteri Mukuru wa Polisi y'u Rwanda;
- Umuyobozi Mukuru mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amasoko ya Leta;
- Umuyobozi w'Umusigire w'Urugaga rw'abikorera;
- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w' Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta.

**Imyanzuro y'Inama**

1. Ku birebana n'igaruzwa ry'umutungo wa Leta wigaruriwe n'abantu ku giti cyabo: Inama yemeje ko abantu 877 bagaragaye ko bagomba kugarura umutungo wa Leta batwaye bakwandikirwa bagahabwa igihe ntarengwa cyo gusubiza ibyangombwa bahawe ,abatazabyubahiriza hagakurikizwa amategeko kugira ngo ibyo byangombwa biteshwe agaciro.

2. Ku birebana no kurangiza imanza zose Leta yatsinze, by'umwihariko izijyanye no kugaruza imitungo ikomoka ku byaha bya ruswa no kunyereza umutungo wa Leta: Inama yemeje ko buri rwego rugomba gushyira mu mihigo kurangiza imanza zirureba, hakaba ubufatanye na Minisiteri y'Ubutabera izashaka abahesha b'inkiko b'umwuga barangiza izo manza, bakishyurwa n'uwatsinzwe nk'uko amategeko abiteganya.

3. Ku birebana no guhuza imbaraga kw'inzego mu kurwanya ruswa, Inama yemeje ko:

**a.** Hashyirwaho itsinda rishinzwe kureba amategeko akenewe kuvugururwa ku bijyanye n'icyaha cya ruswa, kugira ngo bizashyirwe mu gitabo cy'amategeko ahana (code penal), hagamijwe gukaza amategeko ahana icyaha cya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano na yo.

**b.** Hagomba gukorwa ibishoboka byose kugira ngo abakurikiranyweho ibyaha bya ruswa no kunyereza umutungo wa Leta batorotse ubutabera baboneke.

**c.** Amategeko arebana n'ifatira n'inyagwa ry'umutungo ukomoka ku byaha bimunga ubukungu bw'Igihugu ashyirwa mu bikorwa.

**d.** Urukiko rw'Ikirenga rwihutisha ishyirwaho ry'urugereko rwihariye ruburanisha ibyaha bimunga ubukungu bw'Igihugu .

**e.** Inzego zifite uruhare mu gukurikirana no guhana ruswa n'ibindi byaha bimunga ubukungu zizajya zihana amakuru ku buryo bwihuse.

Inama Ngishwanama y'Igihugu yo kurwanya ruswa n'akarengane yashyizweho kugira ngo habeho guhanahana amakuru hagati y'inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'akarengane, gushyira hamwe imbaraga, no gushyiraho ingamba zo kurwanya ruswa n'akarengane .

**Nzeyimana Nadège**

**Ushinzwe itumanaho mu Rwego rw'Umuvunyi**